REPUBLIC OF RWANDA

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

OFFICE OF THE PERMANENT SECRETARY

Kigali, 08 JUL 2022

N° 1256/M-30/NDC

# GUHAMAGAZA IMISHINGA Y'UBUHINZI BUJYANYE NA HYDROPONIC MU MUJYI WA KIGALI, IMIJYI YUNGANIRA KIGALI, N'UTURERE TWA KAMONYI, RULINDO, BUGESERA, GICUMBI NA RWAMAGANA

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ku nkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) yageneye inkunga koperative na kampani(Campany) zikora ubuhinzi bw'imbuto, imboga n'ubwatsi bw'amatungo hakoreshejwe ikoranabuhanga ryo guhinga hadakoreshejwe ubutaka(Hydroponic) kandi bigakorerwa ku ubuso buto hagamijwe kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere .

Ni muri urwo rwego ihamagarira Koperative na Kampani zifite imishinga ijyanye n'ubuhinzi bwavuzwe haruguru kugeza imishinga yabo kuri MINAGRI bitarenze taliki ya 15 Nyakanga 2022

Abahinzi n'aborozi bari muri Koperative cyangwa Kampani(Campany) bujuje ibisabwa buzuza neza inyandiko isaba inkunga igaragaza amakuru yose asabwa n'inyandiko zisabwa ikoherezwa kuri imeri ya greengrant@minagri.gov.rw

Mugire Amahoro.

**Jean Claude MUSABYIMANA**

**Umunyamabanga Uhoraho**

**Bimenyeshejwe:**

- Hon. Ministiri w' Ubuhinzi n' Ubworozi,
- Hon. Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES**

# AMABWIRIZA SHINGIRO YO GUTERA INKUNGA IMISHINGA Y'UBUHINZI BW'IMBUTO, IMBOGA N'UBWATSI BW'AMATUNGO HAKORESHEJWE IKORANABUHANGA RYO GUHINGA HADAKORESHEJWE UBUTAKA (HYDROPONIC FARMING)

---

## INTANGIRIRO

U Rwanda rwihaye intego yo kuba igihugu gifite ubukungu buringaniye mu mwaka wa 2035 no kuzaba mu bihugu bifite ubukungu buteye imbere mu mwaka wa 2050(NST1).Imwe mu nzira zo kugera kuri izo ntego ni uguteza imbere ubuhinzi n'ubworozi hongerwa umusaruro.
Ubuhinzi n'ubworozi bukomeze kubangamirwa n'ihindagurika ry'ikirere, indwara z'ibihingwa ndetse n'ubutaka buto bushobora kuba budafite imyunyu ngugu idahagije. Kubw'iyo mpamvu iterambere ry'ubuhinzi risaba kongera inyungu iboneka kuri hegitari, kongera umusaruro no guhinga ibihingwa bitanga inyungu.Hashingiwe kandi ku muhindagurukire y'ikirere urwego rw'ubuhinzi rukwiye gukomeza kubaka ubudahangarwa hitabwa ku uburyo duhinga n'ingamba dufata mu kubungabunga ibidukikije hagamijwe kongera umusaruro byumwihariko gukoresha ikoranabuhanga .

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ku nkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) yageneye inkunga koperative na kampani(Campany) zikora ubuhinzi bw'imbuto, imboga n'ubwatsi bw'amatungo hakoreshejwe ikoranabuhanga ryo guhinga hadakoreshejwe ubutaka(Hydroponic).

Iyi gahunda igamije kongerera abahinzi ubumenyi no gusakaza ikoranabuhanga mu buhinzi hangamijwe kongera ubudahangarwa ku bahinzi, kuza umusaruro no guhanga n'imihindagurikire y'ikirere.

## II. Intego nyamukuru y'inkunga

Iyi nkunga igamije kongerera imbaraga n'ubushobozi Koperative/Kampani mu kongera umusaruro w'ubuhinzi bw'imboga,ibmuto n'ubwatsi bw'amatungo, kongera ubumenyi ku ikoranabuhanga mu buhinzi, guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no gukora ubuhinzi burambye hagamijwe kwiteza imbere.

## III. Intego zihariye

- Kongera umusaruro w'imboga, imbuto n'ubwatsi bw'amatungo hagamijwe kongera ishoramari ku babikora,
- Kongera no gusakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kuvugurura ubuhinzi hakoreshejwe uburyo bwo guhinga hatifashishijwe ubutaka (Hydroponic farming) ku buso buto mu buhinzi, gukoresha amazi neza mu kuhira ibihingwa no gufasha abahinzi guhangana n'imiindagurikire y'ikirere.
- Kuzamura ishoramari rihamye ku bagore n'urubyiruko mu buhinzi n'ubworozi hagamijwe kugera ku bukungu burambye.
- Gushyigikira ishoramari mu mishanga y' ubuhinzi n'ubworozi izana iterambere rigaragara, hagamijwe kongera umusaruro imirimo no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.

## IV. Uburyo inkunga izatangwamo

Umushinga w' ubuhinzi n'ubworozi ugaragaza gahunda yo guteza imbere ubuhinzi bw'imboga, imbuto n'ubwatsi bw'amatungo hakoreshejwe uburyo bwo guhinga hatifashishijwe ubutaka (Hydroponic farming) ku buso buto wujuje ibisabwa kandi watoranijwe n'itsinda ribishinzwe nyuma y'igenzura uzahabwa amafaranga mu uzahabwa mu byiciro inkunga igera kuri miliyoni makumyabili z'amafaranga y'u Rwanda (20,000,000rwf).

## V. Ibizagenderwaho kugira ngo Kampani/ Koperative yemererwe inkunga

Kugira ngo imishinga yemererwe inkunga, igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

i. Imishinga yakirwa igomba kuba iherereye mu **Mujyi wa Kigali, Imijyi Yunganira Kigali, n'Uturere twa Kamonyi, Rulindo, Bugesera, Gicumbi Na Rwamagana.**

ii. Kuba umushinga ugendanye n'ubuhinzi bw'imboga, imbuto n'ubwatsi bw'amatungo gufata neza umusaruro wavuyemo, no kuwongerera agaciro;

iii. Umushinga muri gahunda zawo ugomba kugaragaza uburyo bwo guteza imbere ikoranabuhanga ryo guhinga hadakoreshejwe ubutaka(Hydroponics), gukoresha neza amazi mu kuhira imyaka hagamijwe kongera umusaruro, kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere;

iv. Koperative/Kampani ikwiye kwerekana kwerekana uburyo umushinga wagiye wunguka nibura mu bihembwe bibiri bishize;

v. Koperative/Kampani igomba kwerekana ubumenyi bujyanye n'irikoranabuhanga, umukozi ushinzwe gukurikira uyu mushinga ubifitiye ubumenyi cyangwa uburyo azakorana n'abikorera(ubufatanye) bafite ubumenyi muri iri koranabuhanga mu kurimenyekanisha.

vi. Koperative/Kampani igomba kwerekana uruhare rwayo mu mafaranga buzunganira inkunga.

vii. Koperative/Kampani igomba kwerekana umubare w'urubyiruko n'abagore bazagira uruhare cyangwa bazagerwaho n'ibikorwa by'uyu mushinga.

viii. Koperative/Kampani igomba kwerekana uruhare uyu mushinga ufite mu guhanga imirimo.

ix. Koperative/Kampani igomba kwerekana ko ifite aho ibikorwa by'umushinga bizashyirwa, niba hari amazi cyangwa ashobora kuhagera, abakozi n'ubushake bw'abahinzi mu gushyira mu bikorwa uyu mushinga;

x. Koperative/Kampani igomba kwerekana gahunda y' uko ibikorwa byatewe inkunga bizakomeza gusigagasirwa nyuma y'igihe inkunga yateganirijwe (sustainability plan);

xi. Koperative/Kampani igomba kuba ikorana n'ibigo by'imari byibura ifite konti muri banki imaze imyaka ibiri ikora;

xii. Koperative/Kampani igomba kugaragaza icyemezo cya RDB cyangwa RCA,

xiii. Mu gihe company isanzwe icuruza ibijyanye n'ibikoresho byifashishwa muri iri koranabunga ikeneye gusaba inkunga yerekana Koperative basanzwe bakora cyangwa bazakorana, umubare w'abanyamuryango ba Koperativ aho iherereye , ubuso bazakoreraho n'amasezerano bafitanye.

xiv. Ntibyemewe gutanga imishinga ibiri kur'iyi nkunga;

xv. Kuba uri koperative /kampani yiganjemo abagore n'urubyiruko ni akarusho.

***Mu gihe usaba inkunga atanze umushinga ni byiza gushyiraho inyandiko igaragaza ibiciro (proforma invoice) y'aho azakura ibikoresho uzakoresha.***

## Uko inkunga izasabwa

Usaba inkunga azohereza ubusabe bwe kuri imeli ya greengrant@minagri.gov.rw

Bikorewe Kigali, kuwa…08…/…07…/2022

**Jean Claude MUSABYIMANA**

**Umunyamabanga Uhoraho**

## APPLICATION FORM/ URUPAPURO RWO KUZUZA

**SECTION I (IGICE CYA I): Identification (Umwirondoro)**

**I. Applicant identification/ Umwirondoro w'usaba inkunga** (Koperative, Kampani)

1. **Name of Cooperative, Company** / Koperative, Kampani

.......................................................................................................

2. **Cooperative/Company members**/ Abagize Koperative
   - *(Members under 30years old/ Urubyiruko batarengeje imyaka 30)*:

     ..............................................

   - *(Number of women and men /Umubare hagaragazwa igitsina Gabo/Gore)*

     ........................................................................

   - *Percentage of women or youth/*
     *% by'abanyamuryango bigizwe n'abagore cyangwa urubyiruko;*

   *Kuba komite-nyobozi yiganjemo abagore cyangwa urubyiruko ni akarusho*

3. **Name of Representative/**Amazina y'ubahagarariye imbere y'amategeko

.......................................................................................................

4. **Contact address/**Aderesi
   - Phone Number/Telefoni:
   - (1) ....................................
   - (2)............................
   - Email/imeli:

     .......................................................................................

5. **Location of business , company , cooperative , /**Aho umushinga uherereye, Kampani iherereye, koperative,

| | |
|---|---|
| • City/Province (Intara) | |
| • District (Akarere) | |
| • Sector (Umurenge) | |
| • Cell (Akagari) | |
| • Village (Umudugudu) | |

6. **Categories of business applicant** / Icyiciro umushinga ubarizwamo:

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Kapani | | Cooperative<br>Koperative | |

7. **Date of Registration for cooperatives and companies** / Igihe yiyandikishirije (koperative/Kapani)

Date: ………………….. RDB ☐ RGB RCA ☐ District ☐

8. **Experience related to this business** /Uburambe (*Musanzwe mukora akazi kajyanye n'umushinga mushaka kwakira inkunga?)*

Yes/Yego ☐ No /Oya ☐

- If yes, mention your experience in years and the production in past 2 agricultural seasons /Niba ari yego mufite Uburambe bungana iki? Imyaka …………………..

| | Ubwoko | 2021C | 2022A |
|---|---|---|---|
| Area cultivated/Ubuso bwahinzwe | | | |
| **Quantity of seed /Ingano y'imbuto yako. reshejwe(kg)** | | | |
| **Commodity/Icyo wahinze** | | | |
| **Production (Kg/MT)/Umusaruro wose wabonetse(kg cg Toni)** | | | |
| **Price for Kg/Igiciro cya Kilogarama 1/1kg_(frw) y'umusaruro mwagurishijeho** | | | |

**SECTION II (IGICE CYA 2): Project Idea (Igitekerezo cy'umushinga)**

**Business Idea Description/** Ibisobanuro ku gitekerezo cy'umushinga

1. **Business name**/Izinary'umushinga: ..................................................................................
2. **What crop/crops will you deal with** / Ni ikihe gihingwa/ibihe bihingwa uteganya kwibandaho mu mushinga wawe?
   - .........................................................................
   - .........................................................................
3. **What is the category of your business idea?** Urwego Umushinga uherereyemo?
   - Horticultural production (Ubuhinzi bw'imboga n'imbuto) ☐
   - Green fodder (ubwatsi bw'amatungo) ☐

**How many employees do you have? /**
Ukoresha abakozi bangahe?

| | |
|---|---|
| • How many female/Abigitsina gore nibangahe? | |
| • How many male /Abigitsinagabonibangahe? | |

**How many employees do you plan have to employ? /**
Urateganya gutanga akazi ku abakozi bangahe?

| | |
|---|---|
| • How many female/Abigitsina gore nibangahe? | |
| • How many male /Abigitsinagabonibangahe? | |

4. **What are your target markets/** uzagurisha umusaruro wawe hehe?

| No | Name/Izina | Address/Umwirondoro |
|---|---|---|
| 1 | | |
| 2 | | |
| 3 | | |
| 4 | | |

- **Do you have basic skills in your business (or idea)?**Ufite ubumenyi mu bijyanye n'umushinga wawe?

Yes /Yego ☐ No/Oya ☐

5. **Briefly explain your business idea** /Sobanura mu magambo make Umushinga wifuza kwagura?

.......................................................................................................
.......................................................................................................
..................

**SECTION III (IGICE CYA 3): Review on Investment / Incamake ku ishoramali**

3. **What is the total cost of the project investment expansion**? Wumva Umushinga wawe wakwagurwa n'amafaranga angahe?

   .......................................................................................................
   .......................................................................................................
   (Frw)
   ***Ereka mu mbonerahamwe ibikorwa uteganya gukora mu mushinga kandi werekane proforma invoice y'aho uzakura ibikorsho uzakoresha***

4. **What is your contribution for the project cost investment**? Uruhare rwawe ni uruhe mu kwagura umushinga?

   .......................................................................................................

   .......................................................................................................

5. **Illustrate the main activities in your project**? Garagaza ibikorwa by'ingenzi bigize Umushinga wawe n'ingengo y'imari?

   .......................................................................................................

   .......................................................................................................

   .......................................................................................................

6. **Do you have a bank account?** Ese ufite konti mu kigo cy'imari?

   Yes (Yego) ☐ No (Oya) ☐

   Niba ari yego, ni mu kihe kigo cy'imari?.......................................................

   Account name and number:/nimero ya konti
   .........................................................................

7. **Debts of applicant** /Imyenda nyirumushinga afite:

   a) No/Ntayo ☐ Yes/ Yego ☐

If yes/ niba ufite umwenda

- How much/ ungana iki: .............................. Frw
- In which institution/ mu kihe kigo?

  - RRA Ikigocy'Igihugucy'Imisoron'Amahoro) ☐
  - Banki ☐
  - RSSB (Ikigocy'igihugucy'Ubwiteganyirize) ☐
  - Ahandi, havuge................................................ ☐

Applicants (Names & Title)/(Amazina y'uhagarariye cooperative/Kampani)

..............................................................................................................

Applicant signature / (umukono)

..............................................................................................................

Date of application / Italiki Umushinga utangiweho: ........./........../ 2022

Email where applications will be submitted/ (umaze kwuzuza iyi urupapuro arwohereza kuri email ikurikira) ........................